0163

K0140646



| | |
|---|---|
| IDENTIFICATION | :C. 45/K95<br>0163<br>08/02/94 |
| DURÉE | :60 Min |
| TRANSMISSION | :Radio-RTLM |
| NOM DU TRANSCRIPTEUR | :UWIMANA Rosine |
| DATE DE TRANSMISSION | :Le 25/09/99 |
| NOM DU FICHIER | :0163 |
| DICTAPHONE | : S/N° 687561 |

**FACE A**

ORATEUR :ANANIE NKURUNZIZA

.....ntiba icyo bita kwiba. Noneho rero GATABAZI ubu niwe ufatanaje n'Inkotanyi, izo Nkotanyi rero wakongera kuziha cyizere ki cy'uko zizahindura ibintu muri iki gihugu? Ubu Inkotanyi zifatanyije na TWAGIRAMUNGU. TWAGIRAMUNGU ahari we nagira kukubaza akabazo kamwerekeye, we ni umukozi wazo kuva kera. Ariko ibya TWAGIRAMUNGU birazwi. Uburiganya, wumvise imanza bamuhamagaramo nkaho yagiye muri iki gihe twasinye ibyo bita "État de droit", igihugu kigendera ku mategeko iteka agahora acungana no guhunga imanza. Umuntu uhunga ima...uhunga imanza ari umugabo. Urumva, akaba afatanyije nizo Nkotanyi. Izo

Nkotanyi, urumva zatugeza kuki? Zifatanyije na TWAGIRAMUNGU zigafatanya na GATABAZI n'abandi.
Aha rero mu magambo make nagira ngo nkubwire ko mu nzira yo guhindura ibintu, aho bigeze aha ngaha kuri uyu munsi tuvuganiraho ntacyo Inkotanyi zishobora guhindura, ahubwo ibintu bishobora gusubira ibudubi.

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

Uti ibintu bishobora gusubira ibudubi kuko n'ejo bundi Ministre... na njye ngo Ministre BIZIMUNGU Pasteur wagombaga kuba Ministre w'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komini, yavuze ngo iyo Guverinoma inaniwe kujyaho ngo bakurura imirwano Abatutsi bakoma amashyi. Ubu ng'ubu wumvishe ibintu bivugwa muri iki gihe, eeu...ngo abantu bagende bakora amalistes muri za Quartier ngo yokwica abantu, nkagira nkubaze ikibazo, kuko uri umuntu wakurikiye ibyo Inkotanyi eeu..ukora mu biro by'iperereza, nkagira ngo nkubaze ikibazo wenda tuma...tumaraho igihe ariko nshaka ko Abanyarwanda basobanukirwa.
Ubu ng'ubu ingufu z'Inkotanyi ni izihe? Ubona koko Inkotanyi zishobora gufata igihugu zikica abantu nk'uko zikora amaliste zikubura imirwano? Ubu ng'ubu Inkotanyi zifite ingufu zihe? Ahubwo ubwo uze kuvanizaho utubwire n'ingufu zaba zaratangiranye n'izo zisigaranye ubu ng'ubu.

ORATEUR : ANANIE NKURUNZIZA

Urakoze Bwana GAHIGI. Njye ndumva iki kiganiro rwose tukigeze aho nashakaga. Mu by'ukuri nakunze kubabazwa n'iterabwoba n'ikinyoma cy'Inkotanyi, aho haroho ncinshijemo akajambo gato, Radiyo Muhabura yumvikanye kw'itariki ya makumyabiri na gatandatu y'ukwezi gushize, yavuze ngo ko Abatutsi bo mu Buganza ba....bashyiriye ku icumu. Hanyuma ndetse na..nanjye ubwanjye bamvuzemo, ko ngo ndi muri abo bantu...ndi mu bantu bajya kwica abo Batutsi bo mu Buganza. Ariko nk'uko nari maze iminsi ntakandagira mu Buganza ni naho iwacu, nagize nti

nawamenya ibyo ubu ahari aho ee...hari ikintu cyaba cyarabaye kigahungabanya umutekano wabo Banyarwanda bo mu gace k'iwacu bakunze kurangwa n'amahoro. Naranyarutse rero ngiyeyo nsanga abantu bahugiye mu turimo twacu tw'isarura tw'isarura tw'ibishyimbo bike bejeje muri iki gihe, nsanga nta kintu na kimwe cyahabaye.

Icyo ni cya kinyoma rero cy'Inkotanyi. Ni rya terabwoba ry'Inkotanyi. Biraza rero gutuma twibaza igituma muri iki gihe Inkotanyi zikoresha iterabwoba.Zigakoresha ikinyoma.Ese Banyarwanda, Banyarwandakazi mutwumva kuri iyi Radiyo RTLM waba ufite imbaraga turi mu bihe bya gutegura amatora ukaba ukiri mw'iterabwoba? Nkeka rero ko naho muri za quartiers bandika abarwanashaka bo mu yandi mashyaka ngo bazabica ari iterabwoba. Kuko bazi neza ko nibakwica umurwanashyaka runaka utaba imaze abarwanashyaka. Siko rero gutegura amatora. Nkeka rero nanone ka aho ngaho Inkotanyi zibeshya , eeeu......zirasa naho zibeshya ku gihe tugezemo. Ibihe tugezemo kandi koko bitandukanye na cya gihe zategaga mines, zatega mines zikica abaturage muri taxi zizi ko abaturage bazahindukirana bakavuga ko ubutegetsi ntacyo bumaze kubera ko butabarengera. Ntagushidikanya kandi GAHIGI, amateka y'igihugu kandi azabitweza kurushaho ko izo Nkotanyi zifite ukuboko mw'iyicwa ry'Abatutsi bo mu Bugesera. Kuko Inkotanyi, nza kwita "Agace k'Abatutsi Terroristes" ntabwo bagomba kugira isoni zo kwicisha abaturage, kuko niko bakora ubundi. Ntabwo Inkotanyi zicishije abaturage bo muri sous -Perefegitura ya Kirambo ubu basigaye bahindukira bakavuga ko ari MRND ya.... yabicishije. Izo Nkotanyi rero ziribeshya ku bihe. Ibihe tugezemo njye mbona imbaraga basigaranye bagombye kuzishyira mu bikorwa bategura amatora, kuko igihe tugezemo ni icyo amatora nayo ibyo guhiga izindi mbaraga, ibyo guhiga ngo ndaza kwica umurwanashyaka uyu n'uyu n'ibintu bisa n'ibishaje, Abanyarwanda bagomba kurenga kuvuga ngo ndaza kukwica, utazakumvuga ikosa ngo... ni uza kumvuga ikosa baragushyira kuri liste, ibyo nabyo ukunze kubyumvana iyo ngiyo mu Buganza iwacu abantu bamwe bavuga ndetse ko bahagarariye ngo uburenganzira bw'Ikiremwamuntu barimo umusore w'Umuzaroïs witwa MATATA ukora hano muri ARDO ukunze kugenda akwiza inkuru ngo iyi ARDO imbere yo kurengera Abatutsi ndetse naba numva ubu sinamenya ibyo ari byo ko abo Batutsi ngo bashyira umusanzu hamwe wo kubarengera bakawuha ARDO icyo ntabwo naki...genzuye neza, ariko birashoboka hagati aho

ngaho rero nagira ngo nkubwire nsubije icyo wambajije yuko imbaraga z'Inkotanyi zitangira twarazibonye twarazimenye. Ibyo ntabitinzeho abantu bose barabizi uko urugamba rw'Iryabega rwagenze. Ntabwo izo Nkotanyi byazigendekeye neza. Nyuma yaho zitera i Gatuna mu kwezi kwa cumi na kumwe kwakurikiye ukwa cumi zatereyeho u Rwanda, nabyo ntibyazi gendekeye neza. Nyuma yaho abazifashashije, uretse ibyo Kajeguhakwa avuga ngo ni imbaraga za Rubanda, abazifashije na bo bara...abazifashije na bo barazwi.Imbaraga z'Inkotanyi rero zigitangira turazizi. Iyuzi zahinze ni izo uyu munsi rero, hari ubwo bavuga ngo ubwo bari muri CND hariya ngo baratsinze. Nyamara ko abageze muri CND tubyise gutsinda twagombye kubyerekeza ku gutsinda kw'Abanyarwanda bashaka kwiyunga. Niba rero Inkotanyi zigikomeza nk'uko nabivuze gutera abantu ubwoba ndumva Inkotanyi zidashobora no gutsinda kuko nkaho zagateye nk'amatora siyo zagateguye ahubwo ziri mu bintu bishaje. Ikindi ahari aho u....niba undekeye ijambo gatoya, nagira ngo nkubwire ko ku ntambara nka ziriya bita ngo nizokubohoza ibihugu zirwanwa n'abaturage. Nakurikiraniye hafi intambara ya MUSEVENI arwanya OBOTE. MUSEVENI yarwaniye ahantu hamashyamba amenshi y'amabira ho mu burengerazuba bw`icyo gihugu atuwe n'Abanyarwanda b'Abatutsi, atuwe n'Abahima b'Abatutsi kuko Aba...hima n'Abatutsi nicyo kimwe, abo Batutsi nibo bagiye bagaburira ingabo ze, bakazihishya zikarwana n'ingabo za Leta ya OBOTE. Kampala bigeze kurwaniramo ni umujyi munini, utuwe n'abaturage miliyoni, icyo gihe wari utuwe n'abaturage miliyoni, barimo mu moko mirongo n'atatu, byarabashobokeye rero kurwanira ahantu nkaho aho bashyigikiwe n'abaturage mu mashamba, aho barwanira mu mujyi abantu batavuga ururimi rumwe, nkeka rero ko baje kugera aho ngaho bakibeshya bateraga u Rwanda. Baribeshye koko kuko aho bageze Abanyarwanda barabahunze, barabahunga pe! Na n'ubu bakimena babahunga. Aho ngaho rero ntabwo wavuga ko uje kubohoza abantu ngo bagaruke baguhunge ku bu....bwabo. Ndibuka ko twabajije na KANYARENGWE akigarutseho muri iyi minsi igituma twabazaga Inkotanyi, igituma aho bageze abaturage bahunga. Inkotanyi imwe iradusubiza ngo abo baturage bahunga ni abo HABYARIMANA yashyizemo imico mibi ngo yoguhunga Inkotaanyi, ngo Inkotanyi zifite imirizo. Iyo mirizo KANYARENGWE yayigarutseho ubushyize ubwo yinjirangaga azanye n'uriya mutwe w'Inkotanyi waje uje ku.... kubarinda. Aho rero ni ikintu cy'igitangaza

K0140650



twagombye kwibaza Abanyarwanda tukakigarukaho twese, kuki Inkotanyi zivuga ko zateye zije kubohoza igihugu abaturage bazihunga? Aho zije kubohoza abaturage bahunga? Aho rero ngira ngo Inkotanyi zagombye kuhakura isomo cyane cyane rya somo rikahakurwa n'abazishyigikiiye, kuko abazishyigikiye n'abashaka kuzirya amafaranga nk'uko bakomeje kurya ibyo bita "Amakotanyi". Bagahora bazibwira :"Songa mbere", "Songa mbere". Ikindi navuga ahari aho, ni.... kuriya abana bose..bose b'u Rwanda bicishijwe na kariya gatsiko. Mbona abana b'Abatutsi bavuye i Bujumbura, abenshi ngo baje baje gutegeka Inkotanyi zibabeshya ko zarangije gufata byarangiye. Mbona abana b'u Rwanda ku ruhande rwacu bapfuye, mbona abaturage bose bapfuye bakwiye kuryozwa ako gatsiko. Kuko kariya gatsiko nkuko nabivuze kare si...ntabwo gahagarariye Abatutsi, yewe ntana Banyarwanda bandi mbona gahagarariye, uretse ko ari agatsiko gashaka ubutegetsi. (Coupure)

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

Bwana Ananiya mu mwanya yagira ati abana bapfuye, bashiriye... bashyize ati bari bakwiriye kuzaryoza ako gatsiko k'Abatutsi bagize umutwe w'Inkotanyi. Ananiya ese urashaka kuvuga ko Abatutsi, abo Batutsi cyangwa izo Nkotanyi zari zikwiye gucirwa urubanza?

ORATEUR :ANANIE NKURUNZIZA

Urakoze Bwana GAHIGI kumbaza icyo kibazo na none. Uruhe rwose umunsi twamaze gukora ibarura nyaryo, ry'abo bana bose bavuye i Burundi, bavuye i Bugande, bavuye Tanzaniya yewe n'abahano mu gihugu bashyiriye kw'icumu, niyo tutatangura urubanza nyarwo, kuko uretse ko mbona bigenda bihemba, tugenda twerekeza igihe cy'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, ahari aho tukibagirwa uko bakunze kubisaba, tukibagirwa ibyabaye, ariko ndumva Inkotanyi ako gatsiko nta jambo kagombye kuzagira imbere ya rubanda, aha rero niho nerekeza ku matora, umunsi Abanyarwanda batoye nibo bagombye kuzahana Inkotanyi. Bakaziha igihano gishingiye kuri Démocratie. Bakazamagana bakazima amajwi yazo. Byaba ngombwa kandi na none kuko mu

bitero byinshi na byinshi hariho ubwo ushobora kwicisha abasirikare ari nabo b'Inkotanyi ukabicisha ku buryo butumvikana. Twigeze kumva igihe barwanaga muri NRA ko hariho bamwe bakoreshyaga icyo bita agafuni, umusirikare wakoze ikosa bakamutegeka kwicukurira urwobo yarangiza akaruryamamo bakamukubita agafuni bagataba? Ibyo nabyo ngira ngo byagaragara, nibigaragara umwe n'umwe mu ba Officiers muri izo ngabo za...z'Inkotanyi uzaba warabikoze ntabwo tuzavuga ngo yazikoreye abo bana b'Abatutsi baturutse i Burundi gusa, ahubwo azaba yarazi..yarabikoreye umwana w'Umunyarwanda, yarabikoreye umuntu waremwe n'Imana. Ndumva rero buhoro buhoro tuzakomeza ducengere ibyaha bakoze hirya iyo ng'iyo, igihe bakubita abana babakubitira kurwana, ku gahato "Songa mbere"," Songa mbere" n'inkoni za buri munsi, ibyo bintu ndumva nta kuntu batazabikurikiranwaho igihe bizaba byashizwe ahagaragara. Niyo mpamvu twasaba tumaze guterera neza ko hazashyirwaho Commission, iyo Commission ikareba ibyo Inkotanyi zakoze, zabikoreye abaturage muri kariya gace zari zarafashe, zabikorera abana zarwanishaga b'Abanyarwanda ba..bari barabeshye zika...shora muri iyi ntambara, ndumva bitarekera aho ngaho.

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

Eeeh..uti ntibyarekera aho ngaho. Ubwo rero nkagira ngo Ananiya tujye ku kindi kibazo njye mbona kitoroshye, nkurikije ibyo umaze kuvuga uti tugakurikirana amakosa bakoze, Rubanda ikabacira urubanza binyuze mu matora, ku bwawe noneho ubwiyunge bw'Abanyarwanda bavuga urabona buri hehe? Buru hafi? Ndavuga ubwiyunge bw'Abahutu twe tutinya kubivuga nk'izina ryabyo, ubwiyunge bw'Abahutu n'abo Batutsi, n'ako gasho k'Abatutsi Extrémiste urabona buri hafi?

ORATEUR :ANANIE

Urakoze GAHIGI iki ni ikibazo buri wese ahangayikishijwe nacyo. Aho kugira ngo tugumye

gutekereza ku kibazo cy'ubwiyunge ahubwo bamwe turacyari muri ya politiki ishaje y'ikinyoma yo kuvuga ngo HABYARIMANA ngo yanze ibi n'ibi ngo yanze ibi n'ibi, yanze ibi n'ibi. Tekereza igihe bavugiye HABYARIMANA, tekereza n'uko bahagaze muri iyi minsi, yewe abo abanyamashyaka bamuvugaga sindirwirirwe mbisubiremo uko bahagaze muri minsi. Ese baracongera kutubeshya ko ari HABYARIMMANA ukora ibi n'ibi, ukora ibi n'ibi, ukora ibi n'ibi bo... bo ntacyo bakora ahubwo bameze neza? Ku bwiyunge rero bw'Abanyarwanda dushyingiye ku Nkotanyi n'igitero cyazo n'uko twageze mu mishyikirano, iyo ndoye nsanga ubwo bwiyunge bugenda buducika, kuko hiyunga abantu babiri bagira icyo bapfa ntabwo hiyunga umuntu umwe, ngira ngo Inkotanyi zidutera, zikadusenyera, zikatwicira kugeza ubu nizo tuvuga tugomba kwiyunga nazo. Kugira ngo ibyabaye tubisige inyuma turebe ko twakubaka igihugu, twasana ibyo zashenye, nyamara zaravugaga ko nta nibyo twubatse.

Wavuze igitero ko....cyo kw'itariki ya munani Gashyantare twibuka uyu munsi, Inkotanyi zateye zica abantu batagira umubare nk'uko wabivuze, nyamara twarasinye uko kugabana ubutegetsi zarwaniraga. Nyuma yaho twarasinye n'ama... n'amahoro ndetse Arusha ibyo bita amahoro, twarasinye ayo masezerano yo kugabana ubutegetsi, zishe abaturage muri sous -Perefegitura ya Kirambo, zirababaga, zicamo abasaza, zicamo abana, zicamo abagore, zica ibintu. Icyo kintu urumva ko kitashyiraga ubwiyunge. Nyamara nyuma yaho, dore ko dukunze kuvuga ibibazo by'u Burundi abantu bakadukubita mu kanwa ngo ntaho bihuriye n'ibyo u Rwanda. Ibyabaye I Burundi bya... by'agahomamunwa by'agatsiko na none k'Abatutsi b'i Burundi bafitanye isano n'Abatutsi b'i Rwanda n'ako gatsiko k'Inkotanyi, nabyo byatumye ubwiyunge bwacu burushaho gukomereka. Nabyita ndetse yuko ibyo Abarundi bita "Charté de l' Unité nationale" birya gusa n'ariya masezerano yacu y'i Arusha. Amasezerano yacu ya Arusha na...mu gifaransa nakwi... na...nsigaye nyita nka "Contrat social", ariko ingingo ziyagize ugasanga zaragiye ziciyuka. Zigaciyuka nyine kubera ibyo bintu byabaye I Burundi, zigacuyuka kubera uwo murego w'Inkotanyi ari Radiyo yazo Muhabura, ari ibikorwa byazo muri sous-Perefegitura ya Kirambo byatummye ayo masezerano acyuyuka. Mugabo aho ibintu bibereye bibi a...bayobowe na KANYARENGWE igihe bazaga kw'itariki ya makumyabiri n'umunani Ukuboza, KANYARENGWE ageze hariya kuri CND wumvise amagambo yavuze, amagambo

adakwiranye n'umuntu uyoboye abantu, basanze abandi ngo babakire, basanze abandi ngo biyunge. KANYARENGWE uribuka ko yavuze ngo:" Abana baduhereje ngo mwababonye, ngo bafite umbunda, ngo mwabatinye, ngo mwabatinye". Ayo ntabwo ari amagambo meza yo kuvugwa. Yewe nuwo munsi baza, kuri iyo tariki ya makumyabiri n'umunani, abantu bahuruye bakajyana amata mu byansi, bakajyana indabyo urabazi. Abo bantu nabo mu ma Quartiers batashye babwiye abantu bati:"Mwababonye, baje, muzongere mutuvuge". Ayo ntabwo ari amagambo y'ubwiyunge. Ibyo ari byo byose Bwana GAHIGI numva ubwiyunge bwo ari ngombwa, kuko dukoresheje imvugo ya wa wundi, ngo nta kundi byagenda, kwiyunga byo ni ngombwa, ariko se tuziyunga dute? Tuziyunga gute na BIZIMUNGU uzategeka ubutegetsi bw'igihugu wigeze kumuvugaho inshuro nk'ebyeri, ugira uti niba ari ukurwana tuzarwane. Abari aho bagakoma amashyi, abari aho yatumije, batoranijwe, b'Abatutsi bagakoma amashyi. Iyo si inzira urabona idushira mubwi...mu... mu kwiyunga kw'Abanyarwanda kworoshye. Aho rero niho Abanyarwanda muri rusange dufitiye ikibazo.Icyo kibazo ndetse niba ubwiyunge bw'Abanyarwanda bushoboka ngira ngo abanyamakuru muba mukwiye kukibaza Inkotanyi.Kuko budashobotse biba biturutse ku Nkotanyi.

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

Eee..ariko twakunze kuvuga ibyo u Rwanda, hari abantu bavuga ko ibibera mu Rwanda bifitanye isano n'ibibera mu Burundi, ndetse ko bifitanye n'isano n'ibyari mu Bugande muri mirongo inani na gatandatu igihe MUSEVENI yafataga ubutegetsi. Bakavuga bati hari politiki Ntutsi yo kwigarurira aka gace ka Afrika k'ibiyaga binini ni ukuvuga u Bugande, u Rwanda, u Burundi na...n'igice cyamajya ruguru ya Zaïre, aho bita muri Nord-Kivu. Iyo politiki wowe urayemera, wemera ko iriho, cyangwa ni amahurirane y'ibintu gusa, nka "Politique Global" y'Abatutsi yaba iriiho?

ORATEUR :ANANIE NKURUNZIZA

Ntakuntu umuntu yakwiyandagaza avuge ko iyo politiki itariho. Kuko MUSEVENI ajya gufasha kariya gatsiko k'Inkotanyi kugira ngo gatere igihugu, ntabwo byari ukuzikiza, nkuko bamwe babivuga ngo barasezeranye igihe yarwanaga akuraho OBOTE, basezerana ngo ko azazifasha gutahuka. Ahubwo ngira ngo byari byanditse muri politiki rusange, ari nayo BUYOYA agomba kuba yarashigikira ariko akabishyigikira mw'ibanga, kuko ntabwo bikiri ibanga, abana bagiye bava mu Burundi, bagendaga n'indege y'i Burundi, ikabageza i Kampala, bakagaruka hano ku mupaka aho twarwaniraga. Hari ikindi kandi ahari aho, nabona gisa n'icyigeze kubaho i Bugande, nakubwiye ko nanyuzeyo muri uku kwezi kwa gatanu kwa mirongo urwenda, ni uko Abanyarwanda bari bafitanye impaka zikomeye n'abenegihugu baho.
Abanyarwanda ndetse baratangiye kwituza mu mataka, amasambu bayita amataka, iwabo amasambu bayita amataka y'abanyagihugu, ba kavukire. Icyo gihe mu binyamakuru byaho, byama.... byamaganaga abo Banyarwanda, abo Batutsi bafata ubwo butaka bw'abanyagihugu, mu cyongereza babyita "Squatters", eee...... mu gifaransa un squatter ni uwo bita, "Un occupant ire..... ire....irrégulier d'un terrain,"umuntu mbese wituza mu butaka bw'undi. Icyo kibazo rero Abanyarwanda, abo Batutsi baho muri...bo muri Uganda, n'Abahima bari bagifitanye n'Abanya...n'Abagande, n'Abanyankore cyari ikibazo kiriho. Kandi MUSEVENI akizi agishyigikiye. Nkeka rero ahari aho ubwo igitekerezo cyaba cyarahindutse, iyo Inkotanyi ziza gufata u Rwanda muri irya minsi itatu barya batubwira, MUSEVENI nta kuntu aba atariwe wajyaga kuba nka Perezida w'ikirenga wabo bantu bo yorohereje mu Rwanda, ndetse bakaba ba...bahuza n'u.... n'u Burundi, bakaba bahuza nako gace ka Zaïre kariya ka... Province ya Kivu y'amajyepfo n'amajyaruguru. Iyo politike rero ndumva, uretse ko kuri uwu munsi tuvugiraho, eeu... dukomeza kuvuga ko bakiyitsimbarayeho n'ibijyana na za mbaraga twahoze tuvuga, ese MUSEVENI we ntamaze kunanirwa? Ese utwo dutsiko two ntitumaze kunanirwa? Na cyane cyane, eeu...duhereye kubya.... kubyabereye i Burundi? I Burundi koko bishe NDADAYE, bica abafasha be, ariko nta kintu bagezeho? Nkeka rero ko icyo gitekerezo kigenda kigabanuka, na cyane cyane aho abaturage bo...b'ako karere bose hamwe batangiriye kurabukwa bakavumbura

uwo mugambi.

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

Eee..tuvuze ibyo bya politiki rusange ya Batutsi yo kwigarurira aka gace ka Afrika k'ibiyaga binini, binyibutsa ijambo umuntu Perezida, Perezida OBOTE yavuze, sinibuka aho yarivigiye ariko ubwo wanyibutsa, ariko yigeze kuvuga muri discours mu majya ruguru ngira ngo ya Uganda, aravuga ati "Umututsi ni nk'imvunja". Ati: "imvunja iyo igucengeye ngo ntuyihandurire igihe ati, ishobora kugutera ibibazo bikomeye cyane". Ubanza icyo gihe yarasaga n'ubwira Abagannde ati: "Abatutsi batumereye nabi". Ku bwawe ubona koko hari umuco Ntutsi hakaba n'umuco Hutu?

ORATEUR :ANANIE NKURUNZIZA

Eee..... Bwana GAHIGI icyo kibazo cyangora nk'Umunyarwanda utuye hano mu gihugu, kuvuga ngo hari umuco Ntutsi n'umuco Mputu. Ibyo bintu uvuze koko OBOTE yabivugiye ahantu bita Soroti iwabo hari kw'itariki ya mbere y'ukwezi kwa gatanu ku mwaka wa mirongo umunani na rimwe urabona ko ari kera, nyamara nkeka ko ahanini yavugaga kariya gaco, kariya gatsiko k'Abatutsi bacengera, bagacengera ahantu hose. Bari baracengeye icyo gihe ku bw'AMINE, bacengera muri services z'abamaneko , bacengera mu ngabo, ndetse karerwaga yukjo kagiye kivanga muri ibyo bibazo, eeuu..by'ubwicanyi muri icyo gihugu. Ako rero ni ko yavuze ngo ati kameze nk'imvunja, ako gaco, kuko na n'ako gatsiko, nako Inkotanyi z'ubu ariko na..nye..Nyezi za cya gihe, nkunze kugatandukanya, na za mpunzi nakubwiye z'abahinzi, ziri Itoho z'aborozi, ziri za Nyakivara hano ziri, za... hehe? Kuko niho usanga impunzi hari aho zihangayikishijwe n'ukwitahira, zidahangayikishijwe n'ubundi bugizi bwa nabi. Niho naje kuvuga yuko Abatutsi bose badafite amaco, badafite ubugome nk'ubwo Inkotanyi. Aho rero ngira ngo ku bwanjye, ni igitekerezo cyanjye bwite ntabwo navuga ko hari umuco Ntutsi ngo wutandukanye n'umuco Mputu waba uriho. Ahubwo hariho ubugome, hariho ikinyoma kamere cy'ako gaco k'Abatutsi

ari akakoze mu Nyenzi, ari n'akari mu Nkotanyi z'ubu ng'ubu.

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

Eee..reka noneho ubwo turasobanukiwe, reka tugaruke kubyerekeye amasezerano ya Arusha, bamwe bita ayo amahoro, ariko tukabona ari a....amasezerano ahagaritse intambara ariko amahoro yo akaba akiri kure. Nkagira ngo nkubaze aho tugeze ubu, uri umunyamakuru, wabaye umunyamakuru kandi uracyanakurikira, n'ubu akazi ukora muri Minisiteri y'ubu...y'abakozi ba Leta ukorana n'ibyerekeye amakuru, nkagira ngo nkubaze arubona aho abintu bigeze ubu ng'ubu, twajyaga tujyana Arusha dukurikirana biriya by'amasezerano, twakunze kubiganiraho cyane, ku bwawe aho bigeze ubu ubona amasezerano ya Arusha azatugeza ku matora uko yasinywe Arusha cyangwa hari ibintu bimwe na bimwe byahindurwa kugira ngo izi...izi nzego za Guverinoma y'Inzibacyuho zisigaye zijyeho? Ku bwawe urabona iki gihirahiro muri politiki turimo twakivamo dute, dushyingiye ku masezerano ya Arusha?

ORATEUR :ANANIE NKURUNZIZA

Ngira ngo igikwiye koko ni uko ayo masezerano twajya tuyita amasezerano ya Arusha. Ku byanjye ni byo by'ukuri kuruta kuyita amasezerano y'amahoro. Nkuko nakubwiye kare Bwana GAHIGI, iyo Arusha intumwa z'u Rwanda zahuriyeho ni iza FPR iyo bas.....iyo bakora ku buryo tugera ku mahoro nta nubwo twaba twaratinze Arusha. Ahubwo twatinze Arusha igihe kinini bagabana, bagabana ubutegetsi. Ari nabyo byaje gukururuka nk'aya masezerano yasinywe mu mwaka, mu mpera z'umwaka wa mirongo icyenda na kabiri asinywa mu mpera z'umwaka ushize. Uribuka icyo gihe bituganije wenda gusinywa atarana.....ataranuzura ko NGILINZIRA ubwo yigeze guhamagara Perezida wa Repubulika ngo azaze gusinya amasezerano. Bamubaza bati ese ayo masezerano mwarayarangije, ati ntabwo yarangiye haracaburamo utuntu duke, ariko uzaze usinye. Ibyo bintu rero n'ibyo rero n'ibyo bita gupfunyika. Amasezerano ya Arusha rero

nita amasezerano yo kugabana ubutegetsi, nita amasezerano y'amahoro, yarapfunyitswe, apfunyikwa bagira ngo muri kwa kugabana bakuremo bamwe abandi biharire ibindi. Ari nacyo kibazo rero cyaje kugaragara nyuma mw'ishirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano. Ayo masezerano n'ubu mu by'ukuri, uretse ruriya rwego rwa Perezidanse rwarahiye izindi nzego biraruhije kugira ngo uzishyire mu bikorwa, kuko hariho inda nini, kuko harimo uburiganya, ikintu iyo gifite uburiganya, ikintu iyo kirimo inda nini urumva ko utacyubahiriza ku buryo bukoroheye. Ikindi navuze ahari aho nasubiramo gato...nasubiramo gato kugira ngo byumvikane neza ni biriya bintu byabereye mu Burundi byari bishingiye ku masezerano y'ubumwe bw'Abarundi. Byaba nabi rero byavamo ika...akabi kavuyemo, ugasanga n'ibyo mu Rwanda, mu mitwe yacu y'Abanyarwanda abenshi turavuga tuti none ibyacu byamera nk'ibyo Abarundi. Ayo masezerano yacu none yamera nk'ayo Abarundi. Aha rero niho uza kubona abantu batangiye kuvuga bati ya masezerano y'amahoro ya Arusha ubwo nti arimo uburiganya, ntarimo umutego, ugasanga rero amasezerano mu by'ukuri ingingo zayo zaracuyutse, ziracuyuka cyane ndetse, ku buryo umuntu umubwira Arusha agaseka. Iby'Arusha rero ntawukibyemera mu by'ukuri uretse ko benshi babyiyitirira yewe n'ibirego basigaye baregana ngo uyu yiyise Arusha, usigaye wumva ko bidakomeye cyane kuko uburinganya bwabo bwaragaragaye. Ari Inkotanyi zaragaragaye, ari abari bazishyigikiye baragaragaye aho rero niho amasezerano ya Arusha aruhirije nkaba natekeza yuko uretse ko bidashoboka bisa n'ibiruhije na none, niho bibereye agaterera nzamba abantu bafite umutima w'ukuri bagombye kureba ikintu kitagenda neza muri ayo masezerano bakakigarukaho, ni icyo nakwita mu gifaransa "Rescision", "Rescinder", "Rescinder",ukongera ukareba ikintu kitagenda neza, ikitagenda neza mu kakigarukaho mu bw'umvikane, kandi ngira ngo iki..ikibahuje ni ukugabana. Kugabana bagombye rero kumvikana, ni bo bagabana bakumvikana ibyo bagabana, ntibashake gutwara byose. Bazumvikana bate se? Kandi k'agatsiko k'Inkotanyi gashaka gutwara ubutegetsi bwose ariwo mugambi. Ese uragira ngo Inkotanyi zirashaka iriya myanya zabonye itagira uku ingana? Ahubwo Inkotanyi zirashaka ubutegetsi bwose. Niho rero nagaruka kuri za ngufu zazo, ese ziracafite ingufu uretse iterabwoba? Ngira ngo rero uru Rwanda rukwiye umuntu cyangwa abantu bakwiyemeza kurikura muri iki gihirahiro. Urakoze.

Cassette n°0163 transcrite par U.R

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

Urakoze nawe uvuze ibintu byo kugabana njyewe ndumva ahubwo njye ntemera n'ibyo byo kugabana n'uko bikorwa n'impaka tujya nkagira ngo njyewe iyo uvuze kugabana muri Démocratie numva amatora. Mbese ubu bwo kuki abantu bakomeza kuvuga ibyo byokugabana kandi bavuga ko twagiye mu nzira ya Démocratie kuki amatora yo ataza?

ORATEUR :ANANIE NKURUNZIZA

Ndabona iyo ahari iyaba twaba dufite cya gitabo mbitiranije n'itegeko nshinga eeeu..twari gusoma ariko kuko mbifite mu mutwe, mu byerekeranye n'igihugu kigendera ku mategeko baravuga bati ubutegetsi, muri icyo gitabo biranditse, hari ubwo rimwe na rimwe bavuga ngo runaka arica amategeko ya...arica amasezerano ya Arusha, arica ibiki byose nyamara biranditse y'uko ubutegetsi ari ubwo abaturage, abaturage bakabushinga uwobashatse bakabumuhera mandat.

Nk'ibyo navugaga byo rero kugabana , kugabana ni amaburakindi, ahubwo abo bantu bose baburana umwe yishyiraho ukumva ngo MAZIMPAKA yavuze, MAZIMPAKA afite mandat ya nde? Ukumva ngo Pasteur yavuze BIZIMUNGU, afite mandat ya nde? Ukumva NAYINZIRA yavuze afite mandat ya nde? Abo bantu bose bavuga muri iki gihe njye numva bica ayo masezerano ubwayo, n'ubwo atari ayo amahoro, n'ubwo ari ayo kugabana. Kuko mu gihe biyemereye muri ayo masezerano ko ubutegetsi ari ubwa Rubanda, iyo Rubanda niya yagombye..yagombye kubaha ijambo, ariko urabona GAHIGI kandi niko bigaragara abantu muri iki gihugu bose bihaye ijambo, ubonetse wese ariha ijambo, ubonetse wese arakora ibo ashatse aho ngaho rero eeeu...muri icyo gihirahiro, icyo bise Transition, Inzibacyuho, njye ncyita igihirahiro, n'amaburakindi uko twemera ko bagabagabana ariko nabura bagatangira gutegurira abaturage, abaturage rero bagatangira kwitegura kuzasubirana ubutegetsi bwabo bakabuha abo bashatse. Nagira ngo nongereho akantu numvise yuko ngo KAJEGUHAKWA we ateganya ubu yabaye Umudepite...w'Inkotanyi we ngo ateganya, yabwiye abantu ko bashaka Inteko ishyinga

amategeko ikozwe uko babishaka ngo kugira ngo iyo ntek<ko nshinga amategeko aho izatangirira, aho gutegura amatora, aho gutegura abaturage kugira ngo tuve muri iki gihirihiro, ahubwo ngo iyo nteko shinga amategeko ngo izatangira guhamagara ngo abategetsi ngo bakoze amakosa. Ibyo bita" Interpellation". Ibyo bintu rero bya KAJEGUHAKWA,ni bwa buriganya bwabo, n'icya kinyoma nahoze nkubwira. Ese iyo nteko nshinga amategeko KAJEGUHOKO... KAJEGUHAKWA ubwo avuga yuko izajya ihamagara abantu bakoze amakosa kuki atavuga ko yagombye kumuheraho? Ngo imuhere ho? Nasomye mu kinyamakuru cyabo hano eeu... cyanyuma cyasohotse cya Kanguka aho bamubaza abanyamakuru bati ese ka wakize vuba na bwangu wakijijwe n'iki? Aho iyo nteko nshinga amategeko avuga ari... ariko kazi kabo ko kuzahamagara abategetsi nti yagombye kumuheraho? Nti yagombye guhera kuri ba GATABAZI? Ibi bintu byose rero urabona ko bipfunyitse, muri icyo gihirahiro ndabona yuko umuntu yaba yemeye ubwo buriganya, iyo migabane dutegereje aya matora ariko nayo yaba vuba.

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

Nshuti mutwumva uwo mwumva ni NKURUNZIZA Ananiya umukozi muri Mini... muri Minisiteri y'abakozi ba Leta akaba yarahoze ari Rédacteur en chef umwanditsi mukuru w'ikinyamakuru "Intera" akaba kandi ari umuntu wakoze muri Service central de renseignement, yo bita ibiro bishinzwe iperereza, akaba rerc ari umuntu yakurikiye ibibazo by' Inkotanyi, tukaba ariwe twaganiriye kuri uyu munsi twibuka umunsi w'akaga u Rwanda rwagize, tariki ya munani Gashyantare, igihe Inkotanyi zubuye imirwano zikica.......(Coupure)

**FIN DE LA FACE A**

**FACE B**

ORATEUR :GAHIGI GASPARD

.......ubu ng'ubu bakaba bapfa umusubirizo mu nkambi barimo. Nshuti mutwumva rero nagira ngo mumfashe twongere dushimire NKURUNZIZA Ananiya, hanyuma nkakomeza kubifuriza umunsi wo kuzirikana ibyatubayeho tariki ya munani Gashyantare , kandi dushakashaka uburyo ibyo bintu bitakongera. Murakoze.

ORATEUR :GAHIGI

Eee...ngo Procédure ni ukivuga imikorere, ati ndanenga rero procédure yanyu ya Gihutu. Ni uko akaba ari agashingaracumu KAVARUGANDA yashize muri Interrogatoire ye, ati icyo nongera kuri ibi mvuze ati ni uko nenga procédure yanyu ya Gihutu. Iryo jambo rero KAVARUGANDA yavuze ryanyibukije irindi yigeze kuvuga umunsi yatumije KANTANO n'undi munyamakuru wa Radio Rwanda, asobanura nyine ko ibyo bintu bamuvuga ku rubanza yagiraniye na NGIRUMPATSE Gustave ko ari ukumuharabika ko ntaho bishingiye, n'uko mbere yo kuvuga ibyamuzinduye abwira abanyamakuru ati, murebe basha ati ziriya ntebe mureba ati buriya ati twazihawe na RUDAHIGWA, ndabivuga icyo gihe nagize ngo koko arashaka kuvuga ko Cour de cassation, urukiko rusesa imanza barutereranye ntibagu...ntibarugurire abikoresho, akavuga wenda ko izo ntebe ari izo RUDAHIGWA yabahaye ko nta zindi bigeze babagurira ko bakenye, ahubwo ubihuje n'ibyo byo kunenga imikorere ya Gihutu, ahubwo ubanza yari yishimiye ko afite intebe yahawe n'umwami ahubwo amushimira atari rero kumugaya cyangwa atari kuvuga ko ari umukene ahubwo ko agomba kuba yishimiye ko yicara ku ntebe z'umwami.
Ikindi, ikindi twakwibuka kuri KAVARUGANDA ni uko tariki ya gatanu Mutarama igihe Perezida wa Repubulika arahiye, muzi ko KAVARUGANDA yishyize mu gatsiko kashaka gukora Coup d'État ndetse akanga kuza mu butumire Perezida wa Repubulika yari yamuhaye, ubwo rero nabyo kuba yarihomye kuri ako gatsiko wabihuriranya n'uko yavuze ko yanga imikorere ya Gihutu ugasanga koko KAVARUGANDA twamwibazaho ibibazo byinshi.
Icya mbere twakwibaza tuti ese Mama KAVARUGANDA yaba ari Umuhutu wihutuye?
Nk'uko tubizi kera byagendaga, KAVARUGANDA tumwite Umuhutu wihutuye? Cyangwa se KAVARU.... KAVARUGANDA yaba ari Umuhutu wakize akarengwa, noneho akumva

K0140661



adakwiye kuba Umuhutu? Akaba aterwa isoni n'ubwoko bwe? Yifuza kuba Umututsi ariko atazapfa abibonye? Ng'ibyo rero ibyo twakwibaza kuri KAVARUGANDA ariko icyo ingenzi nababwira ni uko KAVARUGANDA avuga ati: "Ibyo navuze ku byerekeye gukoresha Quitanciers ndabyemera narazikoresheje, kandi icyo nenga ni imikorere yanyu ya Gihutu"

Ubwo rero BIKINDI avuze ati: Nanga Abahutu bameze nk'uyu tumaze kuvuga ati ariko Imana tugira ati n'uko ari bake cyane. Ahubwo twumve iyo ndirimbo ya BIKINDI noneho tuyihuriranye n'ibi bya KAVARUGANDA ngira ngo turarushaho gusobanukirwa.

ORATEUR :GAHIGI

...Ati kandi hari abantu baritoba , ati ndivuyemo, ati nigiriye muri MRND ishyaka ry'ubumwe n'amahoro ibyo byabaye mu mwaka wa mirongo cyenda na kabiri ubwo MUYANGO ya...yambwiye ubwanjye ati "GAHIGI njyewe mvuye muri PL ngiye muri MRND ishyaka ry'amahoro, ishyaka ry'ubumwe, ishyaka ryakoreye abaturage kandi koko ryagaragaje ibikorwa".

None MUYANGO Denis araje arambwira ati GAHIGI cya cyemezo nafashe cyo kwigira muri MRND, ubu hari abantu barimo kuntoteza, ati ndetse bamwe bari muri MRND, ati bakavuga ko mbeshya ntari muri MRND. Ati abandi akaba ari abantu b'Abatutsi bavuga bati MUYANGO uri Umututsi ibyo bintu byo kujya muri MRND bati ntabwo bigukwiye, none MUYANGO ati ndahangayitse ati nje kuvuga akababaro kanjye kuri RTLM. MUYANGO tubwire abo bantu bakumereye nabi abo ari bo.

ORATEUR : MUYANGO

Eee murakoze GAHIGI uzi ko dusanzwe tuvugana tuganira cyane cyane ku byerekeye Politiki, kuva mva muri Parti Libéral uzi ko nagu...twavuganye ikiganiro iwanjye mu rugo nkubwira icyatumye mva muri Parti Liberal, ibyo ng'ibyo urabifite simbitindaho nabonaga Parti Liberal nyine ari ishyaka ridafite ishingiro kuko nabonaga ari ishyaka rituma Abahutu n'Abatutsi

bagenda basubiranamo bituma iryo shyaka njyihorera. Eee..maze rero ubu ng'ubu ndashaka kukubwira noneho ibindi bibazo mfite muri iki gihe.

Nkigera mw'ishyaka rya MRND nabaye Umurwanashyaka wa ryo ukomeye cyane nke...ngira idarapo iwanjye n'ubu rirahari, eee.. Nkora meetings nyinshi mw'ishyaka rya MRND nabakoreye kuri Stade Régional y'i Nyamirambo ica no kuri Radio Rwanda hari n'izindi ngenda nkora muri za Segiteri hari iyo nakoreye hariya i Remera ndetse ho ni vuba, mvuga nti Politiki igeze ahakomeye, igeze ahakomeye ubu rero igiye gukinwa n'umuhanga, nti abaswa bajandajande MRND yigaramiye. None murabibona uko bimeze ubu ng'ubu, ni ukuvuga ko ibyo navuze ariko bimeze abaswa barajandajanda, MRND iri ku murongo wayo. Eee..nkaba mvuga rero ikintu cyane cyane ikintu kinteye kuza kuganira nawe GAHIGI, ni ku bantu batuuye hariya Kicukiro eee...bakomoka mu Ruhengeri, b'aba Extremistes, aribo bagumye kunkurikira ngo ndi Umututsi, ndi Umututsi, si benshi ni abantu batageze no ku icumi, abo bantu rero nkaba mbihana, ndabihana cyane, kuko ndashaka no kubahiga ngasobanura akamaro mfitiye ishyaka rya MRND,uwazagira icyo amariye MRND kundushya nawe akazaza aha ngaha akagisobanura.

Eee...akamaro mfitiye MRND:

Njye ndi umurwanashyaka wa MRND mfite ikarita, ng'iyi GAHIGI ndayifite hano.

Mfite idarapo iwanjye ku rugo, abo bagabo bampiga, bansuzugura ba...iyo bamaze gusinda bamvuga nta niryo bafite, mfata ijambo muri meeting ya MRND sindabona aho barifata si... no muri meeting sinjya mbabonamo, ngasobanura amatwara ya MRND ese bangaya ngo si ndi MRND ngo kuko ndi Umututsi?

MRND ifite Abatutsi benshi, benshi cyane. Niba abo mu Ruhengeri batabayo ibyo birabareba.

MRND ifite Abatutsi muri Kigali Ville barahari tuba turi kumwe, no muri za meetings.

MRND ifite Abatutsi muri Kigali Ngali, ndababona kenshi muri za meeting.

MRND ifite Abatutsi ....cy'Abatutsi muri Gitarama, muri Butare, muri Gikongoro ho ni igitangaza, ee... natanga umugabo twagiye gukora meeting ku Gikongoro muri Komini Rwamiko, eee... nari kumwe na MUKAKABIGO Gabudensiya azi ijambo nahafatiye imbere y'abarwanashyaka benshi ba MRND, cyane cyane b'Abatutsi kuko Komini Rwamiko ni Komini ituwe n'Abatutsi, ariko yarababonye ko Abatutsi cyane cyane bo muri Famille yanjye kuko

mpafite umuryango ukomeye w'Abasinga bene wacu eee...yarababonaga muri meeting ya MRND eeee... nahatanga umugabo Colonel SIMBA twari kumwe muri iyo meeting yo muri Komini Rwamiko yabonye Abatutsi, bari muri MRND, natanga umugabo MUCUMANKIKO eee... Directeur wa TABARWANDA twari kumwe, hariho na..n'abayoboke tuhafite muri Komini Rwamiko,cyane cyane Abatutsi batari bakeya, njye rero si numva rero umuntu ngo akomoka mu Ruhengeri, maze ngo giye kwikoma Umututsi. Ese abo Bahutu Extrémistres bo mu Ruhengeri, batageze no kw'iicumi batuye Segiteri Kagarama babona bafite amajwi angahe, bazaha MRND mu matora maze igatsinda? Ayo majwi yabo babona yabamarira iki?Yamarira iki mw'ishyaka ryacu rya MRND baraturwaniriza abarwanashyaka iyo bikuma Abatutsi njye birambabaza, birambaza rwose, njye birambabaza rwose, bamenye ko muri MRND harimo Abatutsi batari bakeye. Ndetse GAHIGI nkubwije ukuri mu mashyaka yo mu Rwanda, ishyaka ryaturushyaga abayoboke b'Abatutsi benshi ryari PL gusa. Ayandi mashyaka yose asigaye tubarusha abayoboke b'Abatutsi. Si numva rero icyo abo ba Extrémistes Hutu bo mu Ruhengeri batageze no kw'icumi batuye no muri Segiteri Kagarama icyo bashakaho Abatutsi. Eee... ndakomeza kuku...kukubwira na none, mpiga abo bagabo impigo mpiga abo bagabo y'akamaro mfitiye MRND. Nagiye muri meeting iwacu ku Gikongoro mu Bufumbu, eee... muri Komini Rukondo, ee...muri Komini Rukondo, eee...nari kumwe na NSANZIMANA Sylvèstre ex-Ministre, nari kumwe na SIMBA Colonel, nari kumwe na MUKAKABIGO muri Komini Rukondo tuhakora meeting, ni Komini mvukamo, mpafata ijambo nsobanura amatwara yo muri MRND, nari nitwaje n'ingofero najyanye ngiye guha abarwanashyaka bo muri MRND, bo muri Komini mvukamo, Komini yanjye ya Rukondo irabizi narazitanze nyinshi n'ubwo zitabakwiriye kubera amikoro yanjye kandi naziguze amafaranga yanjye, ubu ni twongera kuhakora meeting nzabashyira izindi. Abo bagabo banyikoma ngo ndi Umututsi, ngo ndabeshya, ngo si ndi muri MRND bazasobanure nabo bazavuge icyo bamariye MRND kundusha. Eee..

ORATEUR :GAHIGI

Ariko ntaguciriye mw'ijambo nizeye, wavuze uti n'abantu extremistes bake, nizeye ko atari

abantu koko benshi, ari abantu bake ku giti cyabo ubwo rero umuntu akaba atavuga ko ari Abanyaruhengeri ahubwo ari abo bantu ku giti cyabo. Ni byo,cyangwa si byo?

ORATEUR :MUYANGO

GAHIGI kuri icyo kisubizo ndakigusubiza, ntabwo mvuga ko Ruhengeri ari aba Extremistes, ni abo bantu ntibagera no kw'icumi b'aba Nyamurengo b'abasinzi, naho Abanyaruhengeri rwose tuhafite abayoboke benshi ba MRND navuze abo batuye mu Kagarama, b'abasinzi bamara gusinda mu mayoga bakajya bavuga MUYANGO. Ndababwiye ngo bamfashe hasi. Hari umugabo umwe muri bo ndetse eee.... yabwiye umuhungu wanjye, mfite umwana w'umusore wiga ishuri, yamubwiye ngo "ese sha ngo uzajya ngo mu Nkotanyi ryari", umwana aramubwira ngo "ese mu Nkotanyi njya gukora yo iki ko niga mu mashuri?" Uwo mugabo rero nashaka kumubwira yuko abana banjye mbafite kandi bari mu mashuri biga, ninkenera ko umwana wanjye arya mu rusirikare nzabashiramo kandi mbifitiye uburenganzira kandi nabo nizeye ko ibizame bitazabatsinda. Uwo nashaka gushira muri ESM namushyiramo, uwo nashyaka gushyira muri ESO namushyiramo, ariko baracyiga, nshaka kubashyira mu gisirikare nzabashyiramo. Ubwo rero ndamwisabye yimputiriza abana ngo... ngo bazajya mu Nkotanyi ryari. Hein... ndamwihanije.

ORATEUR :GAHIGI

Ariko (il tousse) MUYANGO nagira ngo unyibutse, wibutse nako cyangwa ubwire abatwumva icyatumye uva mw'ishyaka PL ry'icyo gihe (Il tousse) ukayoboka ishyaka MRND uri Umututsi icyo gihe bavuga ngo PL ni ishyaka ry'Abatutsi twibutse ubwire abatwumva abumva RTLM icyo gihe yari itarabaho, ukuntu we MUYANGO w'Umututsi wahisemo ishyaka MRND wabitewe n'iki?

ORATEUR :MUYANGO

Eee...GAHIGI ibyo bintu twigeze no kubiganira, ariko ndabigusubiriramo nkeka ko waba ufite na za gasete (cassette) twaganiriyeho iwanjye mu gikari. Narakubwiye nti mvuye mw'ishyaka rya Parti Libéral kubera MUGENZI .......Abatutsi ibyo narabivuze, byaciye no mu binyamakuru. Icyo nabivugiraga ni iki he? Ni uko nabonaga iryo shyaka mu by'uuri koko rifite Abatutsi benshi, quatre vingt pour cent bari Abatutsi, Abahutu bagiraga nabo kuri makumyabiri kw'ijana. Ariko najya kubona nkabona iryo shyaka riritegekwa n'Abahutu kandi Abahutu eee.... batashoboye yenda kuba bafata n'imyanya mu mashyaka yabo. Ariko bakigaragaza mw' ishyaka rya PL. Nabwiye aba PL nkiri yo, nkiri muri Parti Libéral. Ndababwira nti ese sha ko Abatutsi mwize, dufite Aba Dogiteri, dufite aba Licenciés, nkayoberwa ubutegetsi ishyaka ryanyu kugeza igihe muritegekeshwa n'Umuhutu MUGENZI. Ibyo narabibabwiye. None se ntiwabonye ko bananiranwe, bahindukanye? Kuki batabimenye mbere? Si byo se bariho ba...batuma Parti Libéral si yo se ituma Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye itajyaho, kubera ko batumvikana. Ni bumvakane rero batureke baduhe amahoro.

ORATEUR :GAHIGI

Eee...icyo gihe ariko uhitamo MRND nagiraga umbwire icyatumye nyine uhitamo MRND.

ORATEUR :MUYANGO

Eee.. Bwana GAHIGI nahisemo MRND kubera ko ririya shyaka rya MRND ni ishyaka nkunda cyane, kandi ndakubwira n'icyo narikundiye. Icyo narikundiye ishyaka rya MRND, njyewe MUYANGO nigeze gutotezwa n'ishyaka ryitwaga  Parimehutu. Parimehutu muri Repubulika ya mbere, ndetse bimviramo n'uguhunga mba impunzi njya mu mahanga, mpamara imyaka cumi n'ibiri. Hanyuma aho Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Géneral Major HABYARIMANA agiriye ku butegetsi yavuze ijambo muri Radiyo ndacyaryibuka, kandi si nari mu Rwanda nari mu mahanga, yaravuze ati: Umuhutu ni abe...ni abe... ni abe umugabo n'Ubuhutu bwe. Umututsi

ni abe umugabo n'Ubututsi bwe, Umutwa abe umugabo n'Ubutwa bwe. Maze mwese u Rwanda ni urwanyu murusangire, u Rwanda rube urwanyu mwese. Ibyo bintu byaranshimishije cyane. Iryo ni ijambo rya Perezida wa Repubulika yivugiye rwose si ibyo mpimba, ee...birahari no kuri Radiyo. Kuko byaranshimishije mbwira abo twari kumwe mu mahanga ndababwira nti njye ndatashye, iwacu tubonye ubutegetsi bwiza, tubonye ubutegetsi bwemerewe Abanyarwanda bose. Ubwo nafashe inzira koko ndataha none..mpamaze imyaka makumyabiri. Ibyo rero biranshimisha bituma nkunda ishyaka rya MRND turibamo, riyobora iki gihugu, hanyuma aho amashyaka menshi avukiye, aho amashyaka menshyi avukiye najye kujya mw'ishyaka rya PL, ariko naryo ndiryanywemo n'iki? Eee...habaye ikibazo, habaye ikibazo, habaye ibintu byo uburakari, ee..igihe habaga... ibintu byo gufunga abantu, abantu bara...twarafunzwe nanjye nafunzwemo dufunguwe noneho baza kuvuga bati hari ishyaka ryateye ry'ubu....rivuga ngo kw'ishyira ukizana kwa buri muntu. Eee... nti iryo shyaka mbanza aririyo koko,nti ubwo rivuga ngo umuntu yishyire yizane, kandi nari mfunguwe nti ubwo ngomba kwishyira nkizana, nti nibyo. Nti reka ndijyemo, nicyo cytumye njya muri PL. Ariko ndigezemo, nsanga ari ishyaka ridafite ishyingiro, nsanga ari ishyaka, ridafite imizi, nsanga ahubwo ari ishyaka riteranya Abahutu n'Abatutsi. Rituma Abahutu n'Abatutsi batumvikana, nsanga ndetse ari ishyaka nabarishyizeho basa nkaho ari umutwe batetse baravuze bati, Abahutu bararwanira muri MRND, abandi bararwanira muri MDR bati none reka twebwe twirukanke dutanguranwe, twitwarire Abatutsi, ati uwutwara Abatutsi nawe yaba abonye akayabo, yaba abonye ikintu yashyingiraho kugira ngo nawe avugwe muri Politiki, nasanze aribyo bitwajije bituma ndivamo.

ORATEUR : GAHIGI

Eee...urakoze MUYANGO none uti ndivamo, ariko wavuze ibyo Perezida wa Repubulika yavuze avuga ati Umutwa, Umututsi, Umuhutu ni babe abagabo bagumane ubwoko bwabo, ariko ntabwo wavuze icyatumye ujya muri MRND, ivuguruye kugeza ubu ng'ubu ntabwo wabivuze.

ORATEUR :MUYANGO

Icyavuz.... icyatumye njya muri MRND ivuguruye, ndakikubwira rwose, nakubwiye yuko nagiye muri MRND ya mbere nyishima, kandi koko yayoboye iki gihugu cyacu neza. Eeee...cyane cyane nyishima ko yanatumye ntahuka nkava mu mahanga. Hanyuma nasubiye gusubira rero mw'ishyaka rya MRND iviguruye, kubera Politiki nabonaga yo muri Parti Libéral itanshobokeye, ndetse mbona ifite uburyo iteranya Abahutu n'Abatutsi. Byarabaye wabonye ko abantu batangira kurebana nabi, Umuhutu yasangiraga n'Umututsi kubera ishyaka rya Libéral ubona batangiye kurebana nabi, ndareba nti ririya shyaka ntacyo rizagezaho n'abaririmo ndivamo.

ORATEUR :GAHIGI

Icyo gihe unenga, unenga Parti Libéral, ariko ujya muri MRND ivuguruye ukurikinamo iki?

ORATEUR :MUYANGO

Nagiye muri MRND ivuguruye nkurikiranyemo ukuri, nkurikiranyemo ishyaka rikuru, ishyaka rikomeye, ishyaka ry'ubumwe n'amahoro, ishyaka ryashoboye kuyobora iki gihugu muri iriya myaka yose turi mu mahoro. Ndikurikiranye ko rikomoka kuri...kuri MRND nkuru yatumye ntahuka nkava mu mahanga ngasubira mu gihugu cyanjye kavukire.

ORATEUR :GAHIGI

Ariko MUYANGO uri umusaza w'Umututsi. Ku bwawe urabona aho tugeze muri Politiki, abantu bise Inzibacyuho, abandi bakayita ahubwo ko ari igihirahiro turimo. Ku bwawe uri Inararibonye, wa...bayeho muri Repubulika ya mbere ndetse wakoze na Politiki, wigeze kumbwira ko wakoze na Politiki muri Repu...muri Repubulika ya mbere, ku bwawe iki kibazo

cy'Inkotanyi urakibona ute? Urabona Inkotanyi uzi ko zateye tukagiriranira amasezerano Arusha, akabona abantu ubu ng'ubu bari mu gihirahiro ariko nabwo bakavuga ko icyo gihirahiro gikomoka nacyo ku Nkotanyi. Ku Nkotanyi kuko zishaka gukurura zishyira mu Nzibacyuho ngo ziganze. Ku bwawe icyo kibazo kuri umuntu w'Umututsi w'Inararibonye, ku bwawe ubona ute FPR Inkotanyi?

ORATEUR :MUYANGO

Eee GAHIGI rero ugize neza kumbaza icyo kibazo ahubwo ndetse nari kuza kuhakugerera ni uko nari ntarahagera. Eee...ejo bundi FPR yakoresheje ikiganiro mbwirwa ruhame, mbwirwa abanyamakuru hano muri Hôtel Diplomates, njyewe MUYANGO nagiyeyo. Nagiyeyo kujya kumva imvugo yabo bagabo, ndetse cyane cyane muri bimwe nakubwiraga nyine by'aba bagabo ba... ba Extremistes, ee...aho naho barahahereye baravuga bati nti mureba ko MUYANGO koko ee...atari uwacu, dore yagiye kureba, kumva amagambo Inkotanyi zivuga. Eee...narababwiye nti ni byo nagiye kumva amagambo Inkotanyi zivuga mbifitiye uburenganzira. Ntegera njyewe iteka ndi umuntu ukunda kugira amatsiko, nkunda kumva politiki y'andi mashyaka. Ngira ngo nagiye muri meeting ya MDR kuri stade Amahoro nka kabiri, kumva mbagira ngo numve MDR ibyo ivuga, numve ndetse ibyo itunegura, ku bwo ishyaka rya MRND nagiye muri meeting ya PSD kuri eeu....kuri Stade Régional I Nyamirambo, nkurikirana meeting ya PSD, ngira ngo numve abo bagabo ibyo bavuga n'ibyo bashingiraho n'ibyo batunegura, nanjye bamenye ibyo mbanegura njyewe MUYANGO niko nteye ntabwo nkora Politiki y'umujinya, ntabwo nkora Politike y'ubwoko, ntabwo nkora Politiki y'akarere nkora Politiki y'ukuri irambuye kandi nkayikorera mw'ishyaka rya MRND. Ubwo rero GAHIGI namaze kugera hariya muri Hôtel Diplomate narinjiye, maze kwinjira abana b'abasore b'Abatutsi ngira ngo ni abo aha ngaha b'i Nyamirambo cyangwa se mu Muhima, batangira kuvuza induru ngo eeeee......! Ngo Interahamwe MUYANGO irinjiye , ngo Interahamwe MUYANGO irinjiye. Ndetse icyo gihe mu kanya gato ubwo.... wa mu Journaliste wanyu yahise ankurikira nawe inde...munyibutse. Ye KANTANO yari kumwe n'undi, ubwo noneho induru iba ndende, bati Interahamwe zaje zaduteye rwose

zinjiye hano, ubwo icyo gihe nari maze kwinjiramo hagati, ndetse ngeze imbere ya RUTAREMARA ubwo RUTAREMARA yahise ahaguruka aravuga ati :"Ibyo bibaye ni ibiki? Ati ko numva basabakaba". Bati "ni Interahamwe zaje hano. Bati Interahamwe zaduteye". RUTAREMARA ati oya! Ni mubareke baze, ati ndetse murabona abashyitsi mu kabaha induru? Bati mubareka baze. Ati ndetse bariya bana b'Inkotanyi bicaye ku ntebe, ati ni bahaguruke babisire izo Nterahamwe zicare. Nabonye intebe ndicara, GAHIGI aricara, ushaka n'ejo uzamubaze twari kumwe. Ni uko ibiganiro bya FPR biratangira turabikurikira, eee.... iyo ugiye rero mw'ishyaka rindi ntubura icyiza ushimamo, ikintu nashimye aho ngaho RUTAREMARA namushyimye iryo jambo yavuze ati ni mubareke batambuke, ati Interahamwe nazo ahubwo ni muzihe intebe zicare, eee... ibyo yavuze byinshi si nabishyimye ariko nkako naragashimye, ee... akandi kajambo nigeze kumushima mu iryo...muri icyo kiganiro, hari aho yavuze ati : Ntidushaka intambara, ati burya mbabwire, ati iyo abantu barwana, ati bose barapfa, ati iyo urwana n'ingabo z'igihugu Inzirabwoba, ati zirapfisha abantu, ati natwe tugapfusha abandi, ati twese turahomba nicyo gituma ubu dushaka...tudashaka intambara, ati nu mva twakora Politiki yo mu magambo ako nako narakamushyimye, ndetse nibi...ni ibyo bibiri namushyimye aho ngaho. Ndetse urumva ni cyo gituma umuntu ajya kumva ayandi mashyaka, ukumva ibyo bavuga ugira ibyo ubagaya, ukagira n'icyo ubashimaho. Naho kubyerekeye ko wambwiraga uti ese uti uribaza iki, kuri FPR ko ishaka kwikubira, ko ishaka gukurura yishyira imyanya yose ya... yo mu Nzibacyuho yaguye, ari iyo Abaministre, ari iyo Abadepite, icyo kibazo rero ni ikibazo cya Politiki, icyo kibazo barashaka kuturyamira ntabwo dushobora kubyemera. Bafite imyanya yabo y'Ubudepite ngira ngo cumi n'umwe, ifite Minisiteri eshanu eee... MRND ifite Minisiteri cumi n'imwe...

ORATEUR :GAHIGI

Ifite Minisiteri...

ORATEUR :MUYANGO

Eee! Eee! Minisiteri eshanu, ifite imyanya y'Abadepite cumi n'umwe numva zinganya ayandi mashyaka nayo, afite eee.... imyanya yayo, hari abafite itatu y'Ubuministre nka MDR, PSD, PDC ifite umwe, Abadepite PL ifite cumi n'umwe, eeu...PSD ifite cumi n'umwe, PDC ifite bane, uko mbibona njyewe rero ayo mashyaka akwiye gufungura umutwe akareke Inzibacyuho yaguye ika...ikajyamo, buri shyaka rigakoresha imyanya yaryo ridashaka kwifatira io irindi. Ubwo ni uko mbibona FPR ntishake kuvuga ngo irashaka gufata imyanya y'ayandi mashyaka ari mu Rwanda, ntabwo ari byo ikomeze iyayo. Ikoreshe iyayo, hanyuma Inzibacyuho yaguye ijyeho, ee...dukine Politiki tugize Imana tuvuye mu masasu, eee.. Ndashimye niryo jambo rya RUTAREMARA avuga ati, Burya kurwana twese turapfa, ni ko bose barapfa kandi bose ni Abanyarwanda, ntabwo dushaka ayo maraso y'Abanyarwanda yo kuguma kumeneka, maze dukore Politiki tuzagere mu matora ishyaka rizatsinda rizafate ubutegetsi ritegeke igihugu ariko ni badukure mu gihirahiro, Abanyarwanda bakeneye Guverinoma nicyo gisubizo naguha Bwana GAHIGI.

ORATEUR :GAHIGI

Urakoze MUYANGO eee... uretse ibyo bibazo byo kuvuga ngo abantu bakwirukaho ngo uri Umututsi, uri umusaza w'Inararibonye ariko uri n'umusizi hari agasigo ubu wabwira abumva RTLM gahuje n'igihe tugezemo cyangwa ni yo kaba ari akakera, ariko uvuge uti ubwo nakavuga kuri RTLM?

ORATEUR :MUYANGO

Eee... GAHIGI ibisigo ndi umusizi, ibisigo ndabizi, eee...uretse gusa ko ibisigo burya ni ikintu gikomeye, umuntu ashobora kukubwira igisigo yagiteguye, ndetse nzashaka umwanya ntegure ibisigo, ari kimwe ari bibiri, kuko burya ibisigo ni birebire nze tubivugane, ikintu nari nashyize,

muri uyu munsi nashyize mu mutwe wanjye, ni... iki gitekerezo tuganiriye ariko nagira ngo nkubwire mu gisigo, mu igisigo baravuga bati:

Ingoma ntigira umunyina, ikamira umuyoboke w'amatwi yakundiye agakamisha u Rwanda.

Aho rero nashaka kugu...gusobanurira cyane cyane kuri abo bantu bavuga ngo ndi Umututsi, nta ngoma igira ubwoko, ingoma ikamira umuyoboke w'amatwi yakunda agakamisha u Rwanda.

GAHIGI ubwo nkubwiye ijambo rito ry'igisigo ariko ubundi nzashaka ibisigo birebire nze tubiganire.

ORATEUR :GAHIGI

Murakoze Bwana MUYANGO.

(Musique 2 min)

ORATEUR :Non Identifié

Mukomeje kumva Radiyo RTLM isasita zirabura iminota itanu hano i Kigali hari amatangazo yo kubika yihutirwa n'itangazo rimwe ryo kumenyesha....(Coupure)

**FIN DE LA FACE B**